

IBIRANGA URUKUNDO



Icyigisho cya 7 cyo ku wa 15 Kanama 2026

"Ariko none hagumyeho kwizera n'ibyiringiro n'urukundo, ibyo uko ari bitatu, ariko ikiruta ibindi ni urukundo" (1 Abakorinto 13:13)



1 Abakorinto 13 hazwi nk’“igice kivuga urukundo.” Ntabwo hasobanura urukundo rw’amajyejuru, ahubwo hasobanura urukundo rwimbitse cyane: urukundo rw’Imana.

Pawulo asobanura neza cyane uburyo bwo kugaragaza mu mibereho yacu urukundo rw’Imana rwasutswe mu mitima yacu (Abaroma 5:5).

Urukundo ni rwo ruduhatira gukora ibikorwa byacu byose, ari na yo mpamvu dukora ibigirira umumaro abo duhura nabo.



IBIRANGA URUKUNDO

Uguhebuza
k’urukundo

Ibiranga urukundo

Ukudacogora
k’urukundo

Inzira
ihebuje

Icyo
urukundo
rukora

Icyo
urukundo
ruDAkora

Ibiranga
Yesu

Umuco-
mbonera
uhebuje
indi

UGUHEBUZA
K'URUKUNDO



INZIRA IHEBUJE

“Ariko nimwifuze cyane impano ziruta izindi. Nyamara dore ndabereka inzira irushaho kuba nziza.” (1 Abakorinto 12:31)



Ni ubuhe bwoko bw’urukundo Pawulo agaragaza mu 1 Abakorinto 13, kandi kuki ruruta impano ya mwuka iyo ari yo yose? (1 Abakorinto 12:31–13:3)

Mu Kigiriki hari amagambo menshi asobanura urukundo. Pawulo yahisemo *agape* (urukundo rutagira inarijye, rudafite ikigombero, kandi rutekerejweho, rugashaka gusa ineza y’abandi), ari ryo Yohana akoresha mu kuvuga ngo “Imana ni urukundo” (1 Yohana 4:8).



Nta mpano ya mwuka igira akamaro iyo idakoreshejwe n’urukundo nk’uru. Mu kuri, ibikorwa byacu byose n’ibitekerezo byacu byose bigomba kuba byuzuyemo *urukundo rwa agape*.

Yesu yaduhaye umuburo ko kubera ubuhenebere, urwo rukundo ruzakonja (Matayo 24:12). Ariko ntitugomba kwemera ko ibi bidusohoreraho ubwacu, mu ngo zacu, cyangwa mu matorero yacu.





IBIRANGA URUKUNDO



ICYO URUKUNDO RUKORA

“Urukundo rurihangana rukagira neza; [...] rubabarira byose, rwizera byose, rwiringira byose, rwihanganira byose.” (1 Abakorinto 13:4-7)

Rurihangana

makrothymeō: kugira umutima wagutse, gushikama, kwihangana

Rugaragaza kwihangana no kwihanganira amafuti y’abandi

Rugira neza

jrēsteuomai : gukorana umutima w’ubushake

Rugira imbabazi n’impuhwe

Rwishimira ukuri

synjairō: kugaragarza ukwifatanya, gushimira

Rwishimana n’abashyigikiye ukuri

Rubabarira byose

stegō: kurenga ku kintu utuje (gushikama mu kwihangana)

Rurenga ku mafuti y’abandi rucecetse, nta kuyashyira ku ka rubanda

Rwizera byose

pisteuō: kugira kwizera, gutanga ishimwe, kwiringira

Ntiruciraho iteka, rutegereza isohozwa ry’ibyashidikanywaho

Rwiringira byose

Elpizō: gutegereza cyangwa kwiringira

Buri gihe rutekerezwa ko habaho ibyiza

Rwihanganira byose

hypomenō: gukomera, gushikama, kugira ubutwari, kutagamburura


Rwihanganira ibirushya, ibigeragezo, n’akarengane



ICYO URUKUNDO

RUDAKORA

“[...] urukundo ntirugira ishyari, urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu, ntirwishimira gukiranirwa [...]” (1 Abakorinto 13:4-7)



Ntirugira ishyari

zeloō: kugira akayihayiho

Ntirugirira ishyari abafite izindi mpano cyangwa imico-mbonera

Ntirwirarira

perpereuomai : kwiyeamera, kwirata

Ntirushaka gushimwa n’abandi

Ntirwihimbaza

fysioō: kwikuza, guhinduka umwibone

Ntirwigira umuntu w’igitangaza

Ntirukora ibiteye isoni

asjēmoneō: gukora mu buryo budakwiriye

Ntirukora ibihabanye n’amahame y’imico-mbonera

Ntirushaka ibyawo

zēteō: gushakashaka

Kubw’ineza y’abandi, ruhara uburenganzira bwarwo

Ntiruhutiraho

paroxynō : gutyariza ikintu kubabaza, kwiyeenza cyangwa kurakaza

Ntirugira inzika cyangwa ngo rushotorwe

Ntirutekereza ikibi

logizomai : kurōndōra urutonde

Rurababarira kandi rukibagirwa ikibi rwagiriwe

Ntirwishimira gukiranirwa

jairō: kunezerwa, kwishima, cyangwa kumva utunganiwe

Ntirwishimira amafuti, ahubwo rushaka kuyakosora

IBIRANGA YA YESU

"Ngiri itegeko ryanjye: mukundane nk'uko nabakunze." (Yohana 15:12)

**Yihanganiye
gukubitwa,
gutukwa no
gusuzugurwa
(Matayo 27:27–31)**

**Yarihanganye
cyane**



**Yitaye ku muntu
wese wabaga
ababaye**

Agira neza



**Yigishije ukuri mu
buryo
busobanutse
kandi bwemeza
imitima**

**Yishimira
ukuri**



**Ntabwo yaciriyeho
iteka umugore
w'umunyabyaha,
ahubwo yamuhaye
imbabazi
(Yohana 8:10–11)**

**Ababarira
byose**



**Yizeye
ukutaryarya
k'umutima wa
Zakayo
(Luka 19:8–9)**

Yizera byose



**Yateguriye
abagabo 12 gukora
umurimo
“udashoboka”**

**Yiringira
byose**



**Yihanganiye
inzara, kwangwa,
umubabaro,
n'akarengane**

**Yihanganira
byose**



IBIRANGA YA YESU

"Ngiri itegeko ryanjye: mukundane nk'uko nabakunze." (Yohana 15:12)

Ntiyashakaga icyubahiro, ahubwo yifatanyaga n'abicisha bugufi

Ntagira ishyari



Nubwo yari Umwami w'Isanzure, ntiyigeze abyirata

Ntiyihimbaza



Yari yiteguye gukora imirimo yoroheje cyane

Ntiyishyira hejuru



Yākiraga abantu bose mu rugwiro n'ubupfura

Ntakora ibiteye isoni



Yahoraga akora ibyo Se ashaka (Yohana 6:38)

Ntiyishakira ibye



Ndetse n'igihe bamukubitaga, yabasubizaniye ubupfura (Yohana 18:22–23)

Ntahutiraho



Yasabiye imbabazi abamubambye (Luka 23:34)

Nta kibi atekereza



Yabwije abafarisayo b'abagome imvugo ikomeye (Matayo 23:27–28)

Ntiyishimira gukiranirwa



UKUDACOGORA K'URUKUNDO




UMUCO-MBONERA UHEBUJE INDI

"Ariko none hagumyeho kwizera n'ibyiringiro n'urukundo, ibyo uko ari bitatu, ariko ikiruta ibindi ni urukundo." (1 Aabakorinto 13:13)

Abakorinto bagaragazaga mu myifatire yabo ibyo urukundo rudakora: bari abanyeshyari, birarira, bishyira hejuru, bakoraga ibidakwiriye, barikundaga, barakaraga vuba, bari abagome, kandi bihanganyiraga icyaha.

Kimwe na bo, tugomba kureka ayo mafuti, tukagwiza imico-mbonera y'urukundo, nk'uko Pawulo atwigisha, kugira ngo dukoreshe impano za mwuka neza. Anaturarikira kugwiza indi mico-mbonera ibiri: ukwizera n'ibyiringiro.



Yesu naza, icyaha kizakurwaho, kandi tuzishimira ubugingo buhoraho turi kumwe na We. Icyo gihe, guhanura, kuvuga indimi, n'izindi mpano, hamwe no kwizera n'ibyiringiro, ntibizaba bigikenewe. Ariko urukundo ruzahoraho iteka ryose (1 Abakorinto 13:8).

“Imana ni urukundo. Urukundo rwa Data n’Umwana ni rwo ruranga buri mwizera. Ijambo ry’Imana ni inzira y’Imana yo kumenyesha umuntu urukundo imufitiye. Ukuri kw’Imana ni inzira yo kumurikira ubwenge. Umwuka Wera ahabwa umuntu ukora afatanyije n’abakozi b’Imana. Ahindura imitekerereze n’imico, agatera umuntu gushikama nk’ureba Utagaragara. Urukundo nyakuri rushobora kwishimirwa gusa binyuze mu kwizera ukuri no kwakira Umwuka Wera.”

E.G. White, *Our Father Cares*, October 9